

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**MINISITERI Y'UBURINGANIRE  
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

## **RAPORO Y'INAMA NKURU YA GATANDATU Y'ABANA**



**KIGALI, SERENA HOTEL, KU WA 16 UGUSHYINGO 2010**

**IBIRIMO**

## **IMPINAMAGAMBO**

- MIGEPROF : Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango
- MINALOC : Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ;
- MINEDUC : Minisiteri y'Uburezi
- MINISPOC : Minisiteri ya Siporo n'Umuco;
- MININTER : Minisiteri y'Umutekano mu gihugu ;
- MINEAC : Minisiteri ishinze Umuryango w'ibihugu bya Eastern African Community
- CNDP : Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu;
- CNUR : Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- CNLG : Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside;
- CNLS : Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya SIDA ;
- CRC : Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana
- EDPRS : Gahunda y'Iterambere ry'Igihugu no kurwanya ubukene;
- UNICEF : Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku bana;
- AGR : Umuryango w'abagide mu Rwanda ;
- ASR : Umuryango w'abasukuti mu Rwanda ;
- EAC : Eastern African Community

## 1. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo guha umwana umwanya wo kugira uruhare mu kubaka igihugu, hashyizweho Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana bahagarariye bagenzi babo. Iyo nama iba buri mwaka ku rwego rw'igihugu, igahuza abana baturutse mu mirengi yose y'igihugu. Abana baraterana bakitorera ugomba kubahagararira, mu gihe cyo gutegura inama bakamuha ibyo azabavugira. Nyuma y'inama, abo bana bahura na bagenzi babo babitoreye bakabagezaho imyanzuro iba yavuye mu Nama.

Iyo nama ngarukamwaka itegurwa hagamijwe guha abana urubuga batangiramo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo batavugiye n'abantu bakuru. Ni urubuga rwatekerejwe kandi rugashyirwaho kugira ngo abana babashe guhura nk'urungano, bungurane inama n'ibitekerezo, babishyikirize abayobozi n'ababyeyi mu ijwi rimwe kandi ryabo bwite. Akamaro k'inama nk'izi kandi ni ugutegurira abana kuzaba abaturage, ababyeyi, n'abayobozi beza b'ejo hazaza, bityo bikarema icyizere ko Umuryango nyarwanda w'ejo hazaza na wo uzaba mwiza.

Ibitekerezo by'abana batanga mu nama nkuru zabo bifatwa nk'umusanzu mu kubaka igihugu.



Abana ubwabo nibo biyoborera inama ndetse bagakora n'imirimo isabwa ngo inama igende neza: kwakira abashyitsi, gutegura no kuyobora inama, gutanga ibiganiro, n'ibindi.

*Umwana wayoboye ibiganiro mu nama ya gatandatu y'abana ari hamwe n'umusemuzi mu rurimi rw'Amarenga*

Mu mwaka wa 2004, kuva tariki ya 29 kugeza tariki ya 30 Mata, ku nshuro ya mbere mu Rwanda, habaye Inama Nkuru ya Mbere y'Abana yateraniye i Kigali, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Icyizere cy’umwana mu bumwe n’ubwiyunge : Kwicuza kw’abantu bakuru”**. Iyo nama yahuje abana 250 baturutse mu Turere twose tw’ Igihugu.

Inama Nkuru ya Kabiri y'Abana yabaye tariki ya 19 Mutarama 2006, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Twubake u Rwanda rubereye abana”**.

Muri gahunda yo gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro yemeranyijweho mu Nama Nkuru y'Abana, kuva tariki 22 Werurwe kugeza tariki ya mbere Mata 2007, habayeho inama z'abana ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zatangiye ibitekerezo kuri gahunda y'Iterambere ry'igihugu no kurwanya ubukene (EDPRS) hagamijwe gutegura Inama Nkuru ya Gatatu y'Abana.

Ku itariki ya 30-31 Nyakanga 2007 habaye Inama Nkuru ya Gatatu y'Abana, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Umwana muri gahunda y'amajyambere rusange y' igihugu”**.

Inama Nkuru ya Kane y'Abana yabaye ku itariki ya 11 Ugushyingo 2008, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide”**.

Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yabaye tariki ya 12 Ugushyingo 2009 ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw'Abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa.”**

Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana yabaye tariki ya 16 Ugushyingo 2010 ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw'Abana mu burezi bubabereye.”**

Iyi nsanganyamatsiko yatoranyijwe n'abana ubwabo muri Mata 2010 aho buri Karere kegeranyije insanganyamatsiko zatanze n'abana umunsi bagezwagaho imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatanu muri buri murenge, nyuma hafatwa insanganyamatsiko yagize ubwiganze kurusha izindi (85%).

### **1.1. Ubufatanye bw'inzego mu gikorwa cyo gutegura Inama Nkuru ya Gatandatu y'abana.**

Mu rwego rwo kwitegura imigendekere myiza y'Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana, hashyizweho komite tekhnike ibishinzwe. Iyo komite yari igizwe n'abakozi bahagarariye inzego zikurikira: MIGEPROF nk'urwego rwa Leta ruyoboye icyo gikorwa, MINEDUC, MINALOC, MINISANTE, MIFOTRA, MINEAC, CNDP, RRC, Urunana DC, Haguruka, CNLG, Polisi y'Igihugu, imiryango itegamiye kuri Leta: AGR, World Relief, World Vision, SOS, icyizere Forum, UYISENGA N'MANZI nk'umuryango ufite uruhare mu gucunga imikoreshereze y'ingengo y'imari iteganyirijwe icyo gikorwa, Care International na UNICEF nk' abafatanyabikorwa n'abaterankunga.

### **1.2. Igihe n'aho Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana yabereye**

Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana yabereye i Kigali mu Karere ka Nyarugenge, muri SERENA HOTEL kuwa 16 Ugushyingo 2010.

#### **Ingengabihe yari iteye itya:**

- Tariki ya 13/11/2010: Kuhagera kw'abana no gucumbikirwa mu mazuy'Umuryango utabara imbabare w' u Rwanda (Croix Rouge Rwandaise/ Red Cross/CRR) ku Kacyiru.
- Tariki ya 14/11/2010: Imyiteguro y'abana (kugabana inshingano no gutegura ibiganiro abana ubwabo bazitangira mu nama)
  - Ibiganiro n'indi myiteguro:
    - Ikiganiro ku burezi bw'abana mu Rwanda muri iki gihe
    - Uburyo abana bumva /babona insanganyamatsiko yatoranyijwe uyu mwaka
    - Ikiganiro cy'abana baturutse mu bindi bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba.
    - Ibikorwa by'imyidagaduro y'abana
    - Inama ihuza abaherekeje abana n'itsinda rishinzwe gutegura Inama Nkuru y'abana

- Tariki ya 15/11/2010: Imyiteguro y'abana (kunonosora ibiganiro n'imikno bizatangwa n'abana no guhabwa ibikoresho)
- Tariki 16/11/2910: Inama nyirizina (muri SERENA HOTEL).
- Tariki ya 17/11/2010: Gutaha kw'abana.

### **1.3. Abitabiriye inama**

Inama ya gatandatu y'abana yitabiriwe n'abana bahagarariye abandi ndetse n'abandi batumirwa bo mu byiciro binyuranye bikurikira:

- Abana 415 baturutse mu mirenge yose baje bahagarariye abandi n'intumwa z'Uturere 30 zibaherekeje;
- Abana 2 bahagarariye abandi bana bo mu nkambi z'impunzi ziri mu Rwanda n'umuntu mukuru ubaherekeje.
- Abana 10 bahagarariye abana babana n'ubumuga n'abantu 2 babaherekeje
- Abana 8 baturutse mu bihugu bya Kenya, Tanzaniya, Uganda na Burundi n'abantu bakuru 4 babaherekeje;
- Abantu 61 bagize itsinda ryateguye inama
- Abayobozi bakuru bahagarariye inzego zinyuranye za Leta
- Abatumirwa bahagarariye ibigo byigenga, amashyirahamwe y'abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta n'iharanira inyungu rusange ndetse n'abahagarariye Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda (One UN).

### **1.4. Intego**

Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana yari igamiye kurebera hamwe uruhare n'umusanzu by'abana mu burezi bubabereye. Iyi ntego ishimangira gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda yo kurandura ubujiji mu banyarwanda muri rusange, ndetse no mu bana by'umwihariko.

### **1.5. Umusaruro wagezweho.**

- Abana bahagarariye bagenzi babo babonanye n'abayobozi bakuru b'Igihugu baganira ku burenganzira bafite bwo kwiga no kurerwa, imibereho myiza y'abo n'inshingano zabo

- Abana bahagarariye bagenzi babo bagaragarijwe ingamba za Leta mu guteza imbere uburezi bubabereye,
- Abitabiriye inama basobanukiwe uko uburezi bw’abana butangwa mu bihugu bigize umuryango wa EAC
- Abayobozi bagaragarijwe uko abana babona ibibakorerwa, babagezaho ibitekerezo n’ibyifuzo byabo mu burezi bubabereye
- Abana bahagarariye abandi bahamagariwe kugira uruhare muri gahunda zose zigamije uburezi bubabereye

## **2. UKO INAMA YA GATANDATU Y’ABANA YAGENZE**

### **2.1. UMUHANGO WO GUFUNGURA INAMA**

#### **2.1.1. Gutanga ikaze ku bitabiriye inama**

Uwari uhagarariye Umuyobozi w’Umujyi wa Kigali, Madamu Gakuba Jeanne D’Arc, yatangiye aha ikaze abitabiriye inama ya gatandatu y’abana mu mujyi wa Kigali. Yasabye abitabiriye inama gushimira ubuyobozi bw’igihugu kuko bwita ku bana bukabafasha kugirango bazagire ejo heza hazaza bityo babe inkingi yo kugera ku ntego igihugu kihaye kugeraho muri “Vision 2020”.

Yakomeje ashimira Minisiteri y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango kubera ibikorwa nk’ibi byo guhuriza abana hamwe bikabafasha kwisanzura no kumenya uburenganzira bwabo.

Yashimiye kandi abana kubera ubutwari n’umurava bagiye bagaragaza kuva izi nama z’abana zatangira, anifuza ko abana bo mu Rwanda bakwanduza ibihugu bidukikije uyu muco. Yashoje abizeza ubufatanye bw’Umujyi wa Kigali

#### **2.2.2. Ijambory’uhagarariye UNICEF mu Rwanda**

Uwari ahagarariye One UN mu Rwanda akaba n’Umuyobozi wa UNICEF mu Rwanda Bwana Joseph FOUMBI, mu ijambo rye yagaragaje ibyishimo aterwa n’inama z’abana bituma ashimira cyane Leta y’u Rwanda mu bikorwa nk’indashyikirwa harimo no kuba habaho izi nama zihuza abana. Yashimiye kandi abana kuko nabob aha agaciro inama nk’iyi, bakigomwa ibiruhuko



byabo. Yagarutse ku mvugo ituruka mu gihugu cy’Amerika igira iti: “Ibizaranga abaturage b’igihugu mu gihe kizaza bituruka ku byo abababyara n’ababayobora babakorera”. Yagaragaje ko iyi mvugo ifite ukuri kandi ko agaciro kayo kazigaragaza mu banyarwanda b’ejo hazaza.

Yashoje avuga ko imyanzuro yose izava muri iyi nama ya gatandatu y’abana izahabwa agaciro kandi ikitabwaho mu bikorwa bya UNICEF mu Rwanda.

### 2.2.3. Ijambo ry’Umushyitsi mukuru

Inama Nkuru ya Gatanatu y’Abana yafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Minisitiri w’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango wari umushyitsi mukuru.

Yatangiye ashimira abantu bose bitabiriye Inama Nkuru ya gatandatu y’Abana, anaha ikaze abana bahagarariye abandi. Yakomeje agaragaragaza ko ari ku nshuro ya kabiri iyi nama yitabirwa n’abana baturutse mu bihugu bigize Umuryango wa Afurika y’Iburasirasirazu , bikaba ari ikimenyetso gishimangira umubano mwiza hagati y’u Rwanda n’ibihugu bigize uyu muryango, ndetse n’agaciro ibyo bihugu biha iyi Nama Nkuru y’Abana.

Yagaragaje kandi ko nk’uko byifujwe n’abana bitabiriye inama y’ubushize, muri iyi nama harimo abana<sup>10</sup> bahagarariye abandi bana baba n’ubumuga baturutse mu Ntara zose z’igihugu n’umuji wa Kigali ndetse n’abana 2 bahagarariye abana baba mu nkambi z’impunzi ziri mu gihugu cyacu.

Yatangaje ko iyi nama igamije guha urubuga abana kugira ngo batange ibitekerezo byabo ku miyoborere y’igihugu muri rusange bagaragaza uko babona ibikorwa bibakorerwa, ibyo bashima n’ibibazo bahura nabyo n’uburyo bifuzwa ko byakemukamo.

Yagaragaje ko kuba mu miyoborere myiza iranga u Rwanda buri wese atanga ibitekerezo ku bigomba gukorwa, abana batagomba guhezwa mu gutanga ibitekerezo byabo byubaka.

Yakomeje agaragaza ko Inama Nkuru ya mbere y’abana yabaye muri 2004, ubwo abana bahagarariye uturere twose tw’u Rwanda bateraniraga i Kigali ku nsanganyamatsiko igira iti: **“Icyizere cy’Umwana mu bumwe n’ubwiyunge: Kwicuza kw’abantu bakuru.”** Ni muri urwo rwego abana bifujwe ko iyi nama yaba ngarukamwaka. Muri uyu mwaka bakaba barihitiyemo insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw’umwana mu burezi bumubereye.”** Bityo rero ku girango ubu burezi bugerweho, uruhare rwa buri ese rukaba ari ngombwa. Mu byagezweho mu rwego rw’uburezi hagaragajwe gahunda y’uburezi bw’ibanze bw’imyaka 9

n'ubwiyongere bw'ibugo n'ibyumba by'amashuri, byatumye umubare w'abana biga wiyongera. Politiki y'Ubuzezi bwihariye yatumye abana bafite ubumuga bashobora kwigana na bagenzi babo badafite ubumuga. Ibi bikaba byaratumye umubare w'abana babana n'ubumuga wiyongera mu mashuri abanza n'ayisumbuye, ukava ku bana 600 ukagera ku 2000 hagati y'umwaka wa 2000 na 2008.

Yagarutse kandi kuri politiki yo guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa, kuri gahunda yo gufasha abana bo mu miryango ikennye biga mu mashuri yisumbuye ndetse no ku bufasha butangwa n'Ikigega cya Leta gitera inkunga abacitse ku icumu rya Genocide hagamijwe guteza imbere uburezi. Yasabye inzego z'ubuyobozi bw'ibanze gutoranya abana bafashwa nta marangamutima kandi abana bakabigiramo uruhare.

Yakomeje agaragaza ko n'ubwo intambwe imaze guterwa mu burezi ishimishije, hakiri urugendo. Yasabye ababyeyi gushakira igihe abana babo babakurikirana mu byo biga, anakangurira abarezi gukunga umurimo wabo no gukunda abana babaha uburezi bufite ireme buzabafasha kuzashobora guhangana ku isoko ry'umurimo. Abafatanyabikorwa mu burezi bakanguriwe gushyira ingufu mu burezi cyane cyane mu bana b'inshuke "nursery/maternelle" kuko niwo musingi w'uburezi.

Yakomeje yibutsa n'abana ko n'ubwo bafite uburenganzira bafite n'insingano yo kubaha ababyeyi n'abarezi babo, gukunda igihugu no gukunda kwiga.



Yakomeje akangurira abana kuza gutanga ibitekerezo byayo kuko abayobozi biteguye kubatega amatwi.

Yagaragaje ko ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama Nkuru ya 5 iri ku gipimo

cya 71% anasaba inzego bireba kuzashyira mu bikorwa imyanzuro y'iyi nama ndetse no gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro itararangira y'inama y'ubushize.

Yashoje ijambo rye ashima ubufatanye bw'inzego zitandukanye, zaba iza Leta, izitari iza Leta n'abandi bafatanyabikorwa haba mu rwego rw'ingengo y'imari yakoreshejwe, urwa tekinike, n'ibikoresho, ndetse anatumira abayobozi bitabiriye inamma gutega amatwi abana.

#### **2.2.4. Ijambo ry'umwana uhagarariye abandi bana.**

Mu ijambo ry'umwana uhagarariye abandi muri iyi nama, yatangiye avuga ko nk'uko abana babisabye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ko inama nkuru y'abana yajya iba ngaruka mwaka nawe akabibemerera, ubu hakaba habaye inama nkuru ya 6 y'abana ifite insanganyamatsiko bitoreye nk'abana b'u Rwanda igira iti: "Uruhare rw'umwana mu burezi bumubereye".

Yakomeje avuga ko kuba bari kumwe n'abana bo muri EAC ari umwanya mwiza wo kugirango abana bo mu Rwanda batange umusanzu mu guteza imbere uburezi mu muryango w'Ibihugu bya Afurika y'Uburasirazuba.

Yasabye kandi abitabiriye iyi nama ndetse n'abandi barebwa n'imyanzuro izayivamo ko bakwihutira kuyishyira mu bikorwa. Yongeyeho ko kandi abana bifuzaga cyane ko ishyirwaho rya Komisiyo y'Igihugu y'abana ryakwihutishwa kuko izafasha gukemura byinshi mu bibazo abana bahura nabyo.

Yashoje ashimira mu izina ry'abana bagenzi be ahagarariye, umurava abayobozi b'igihugu badahwema kugaragariza abana.

### **3. IBIGANIRO BYATANZWE**

#### **3.1. URUHARE RW'ABANA MU BUREZI BUBEREYE**

Mu nama ya gatandatu nkuru y'abana, abana ubwabo bagize uruhare mu gutanga ibiganiro bigaragaza uburezi bubabereye. Abatanze ibiganiro harimo umwana uhagarariye abana bo mu Rwanda, umwana uhagarariye abana bo muri Uganda, umwana uhagarariye abana bo muri

Tanzanie/Zanzibar, umwana uhagarariye abana bo muri Kenya n'umwana uhagarariye abana bo mu gihugu cy'Uburundi.

### **3.1.1. Umwana uhagarariye abana bo mu Rwanda**

Umwana uhagarariye abandi yabanje gusobanura akamaro k'uburezi ku bana, ko bubaha ubumenyi bubafasha mu buzima bwabo busanzwe bwa buri muni, ndetse no kwiteza imbere, akaba ariyo mpamvu bagomba gushaka icyabuteza imbere kugira ngo burusheho kubanogera.

Yakomeje agaragaza uburezi bubereye abana ubwo aribwo, avuga ko ari:

- ✓ Uburezi umwana wese yisangamo, agakurikiranwa hakurikijwe ikibazo afite icyo ari cyo cyose (kubana n'ubumuga, ubukene,...)
- ✓ Uburezi bugaragaramo ubwisanzure hagati y'umunyeshuli na mwalimu we
- ✓ Uburezi bugaragaramo ubufatanye hagati y'ababyeyi n'abarezi
- ✓ Uburezi butabangamirwa n'ibikorwa remezo, kandi bufite imfashanyigisho zikwiriye,
- ✓ Kwirinda gukoresha abana indi mirimo mu gihe cyo kwiga,
- ✓ Uburezi aho umwalimu yigisha yumva ko arerera igihugu,
- ✓ Uburezi butagaragaramo ihohoterwa iryo ari ryo ryose,

Nanone yagaragaje uruhare rw'abana ubwabo mu burezi bubabereye:

- ✓ Kwiga bumva ko ari inshingano zabo kandi bafite intego n'icyerekezo,
- ✓ Kugira ikinyabupfura, kwiyubaha, kubaha abandi, kubaha ibikoresho by'ishuli no gukurikiza indangagaciro na kirazira
- ✓ Kugira uruhare mu gufasha abana bagenzi babo bugarijwe n'ibibazo (Abana babana n'ubumuga, imfubyi,...) no kubakorera ubuvugizi,

### **3.1.2. Umwana uhagarariye abana bo muri Uganda**

Yatangiye asobanura ireme ry'uburezi mu gihugu cya Uganda. Avuga ko uburezi bw'ibanze (ni ukuvuga amashuri abanza n'ayisumbuye) ari ubuntu kandi ko bashyizeho gahunda ya «Ishuli inshuti y'umwana» (Child friendly school).

Yagaragaje ko n'ubwo iyi politi yashyizweho, haracyari imbogamizi zijyanye no kubura ibikoresho, kubura ibyumba by'amashuri hamwe na hamwe, aho usanga abana bigira muni y'igiti, n'ibindi.

Yashoje ahamagarira Leta ya Uganda kwita kuri ibi bibazo kuko bibangamira abana mu myigire yabo anasaba ko leta yakwigana umuco mwiza wo guhuriza abana hamwe mu nama bkuri y'igihugu y'abana muri Uganda. Yaboneyeho kandi umwanya wo gushimira Leta y'u Rwanda yabatumiye muri iyi nama.

### **3.1.3. Umwana uhagarariye abana bo mu gihugu cy'Uburundi**

Yatangiye avuga mu gihugu cyabo amashuri abanza bigira ubuntu kandi ko abana b'imfubyi bahabwa ibikoresho by'ishuli. Yagaragaje ko hari ibintu Leta y'Uburundi ikwiye gushyiramo ingufu aribyo: gushyiraho ibyumba by'imyitoto n'imyimenyerezo bifite ibikoresho bihagije (laboratories), gushyiraho ibikorwa remezo by'uburezi byorohera abana babana n'ubumuga no gushyiraho gahunda yo kwiga ku buntu mu mashuri yisumbuye.

Yashoje ashimira Leta y'u Rwanda yabatumiye muri iyi nama nkuru ya gatandatu y'abana.

### **3.1.4. Umwana uhagarariye abana bo muri Kenya**

Yatangiye asobanura ireme ry'uburezi mu gihugu cya Kenya, avuga ko Kenya yashyizeho gahunda yo kwiga ku buntu mu mashuri abanza n'ayisumbuye ku bana bataha. Yasobanuriye abari mu nama uburyo Kenya yashyizeho gahunda yo gutanga igaburo mu mashuri ku buryo byafashije abana baturuka mu miryango ikennye.

Kuba kwiga ari ubuntu mu mashuri abanza byatumye habaho umubare munini w'abana mu byumba by'amashuri, iyi ikaba ari imbogamizi ku ireme ry'uburezi.

Yaboneyeho umwanya wo gusaba Leta yabo gushyiraho amashuri (Mid-level Colleges) yafasha abana barangije amashuri yisumbuye batashoboye kujya muri za Kaminuza n'amashuri Makuru kubona ubumenyi-ngiro bwabafasha mu mibereho yabo.

Yashoje ashimira Leta yabo ku mbaraga ishyira mu burezi bw'abana muri rusange anashimira Leta y'u Rwanda yabatumiye muri iyi nama.

### **3.1.5. Umwana uhagarariye abana bo muri Tanzania/Zanzibar**

Yatangiye ashimira Leta ya Tanzania kubera imbaraga zidasiba kwiyongera mu burezi bw'abana muri Tanzania, muri byo hakaba hakubiyemo: kwigira ubuntu mu mashuri abanza, ubwiyongere bw'abarangiza muri za kaminuza bituma umubare w'abalimu bafite ubushobozi wiyongera.

Yaboneyeho kandi umwanya wo kugira ibyo asaba Leta ya Tanzania:

- ✓ Kongera umubare w'amashuri bigendanye n'ubwiyongere bw'abaturage,

- ✓ Gushyiraho uburyo bwo kugeza abana ku mashuri no kubakurayo kandi butishyurwa
- ✓ Gushyira ibikoresho bihagije mu mashuri
- ✓ Kongera umubare w'abalimu mu duce tw'icyaro
- ✓ Gukangurira ababyeyi ku kamaro k'uburezi bw'abana babo hagamijwe gukumira ivangura rishingiye ku gitsina cyane cyane rigaragara mu duce tw'icyaro.
- ✓ Gushyiraho gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku bana bo mu duce tw'icyaro.

### 3.1.6. Ubuhamya bw'umwana uhagarariye abana babana n'ubumuga

Umwana witwa Mukandayisenga Alodia, wiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza mu Kigo cya Kabgayi, akaba abana n'ubumuga yatanze ubuhamye ku buzima bwe ndetse n'imyigire ye. Yabanje gushimira Leta y'u Rwanda ku ngufu yashyize mu burezi bw'abana hakubiyemo:



- ✓ Guteza imbere gahunda y'uburezi bw'abana bugarijwe n'ibibazo
- ✓ Guteza imbere uburezi bw'abana babana n'ubumuga
- ✓ Gushyiriraho abana babana n'ubumuga gahunda yo kwigana n'abandi badishyizwe mu bigo byabo (Inclusive education)
- ✓ Guteza imbere uburezi bw'abana babakobwa

Yanagaragaje kandi zimwe mu nzitizi zigaragara mu burezi bw'abana babana n'ubumuga:

- ✓ Kuba hari abana bamwe mu babana n'ubumuga badifite insimburangingo n'inyunganirangingo zibafasha kujya no kuva ku mashuri,
- ✓ Kaba hakiri umubare muto w'abalimu bahuguriwe kwigisha abana babana n'ubumuga,
- ✓ Kuba hakiri ababyeyi bagisha abana babana n'ubumuga ntibabohereza mu mashuri,
- ✓ Kuba hakiri inyubako z'amashuri amwe n'amwe zitorohereza abana babana n'ubumuga no kuba hari abana babana n'ubumuga bakora urugendo rurerure kugirango bashobore kugera ku mashuri.

Mu buhamya nyirizina, yagaragaje ko n'ubwo abana n'ubumuga yigana n'abandi bana kandi agakurikira neza amasomo. Ishuri yigaho ryashyizeho inyubako zorehereza abana babana

n'ubumuga nko gukuraho ingazi (stairs) no kwigiza ikibaho hasi. Yakomeje ubuhamya bwe agaragaza ko afite icyerecyezo cyo kwiga akazagera muri Kaminuza.

Yasoje ubuhamya ageza ku bayobozi bitabiriye inama ibyifuzo bye bikurikira:

- ✓ Gushishikariza ababyeyi kujyana abana bose mu ishuri harimo n'abana babana n'ubumuga,
- ✓ Guhugura abarimu kugirango babashe kwigisha abana babana n'ubumuga,
- ✓ Gushakira abana babana n'ubumuga ibikoresho byihariye bakeneye, birimo amagare, imbago n'insimburangingo.
- ✓ Gushyiraho inyubako zorohera abana babana n'ubumuga

### **3.2. INGAMBA Z'IGIHUGU MU GUTEZA IMBERE UBUREZI BUBEREYE ABANA**

Muri iyi nama ya gatandatu y'abana, Minisitiri ifite uburezi mu nshingano zayo yahawe umwanya isobanura ibijyanye n'ingamba z'igihugu mu guteza imbere uburezi bubereye abana. Muri iyi nama MINEDUC ikaba yari ihagarariwe na Minisitiri wayo bwana MURIGANDE Charles.

Minisitiri Charles Murigande yatangiye yibutsa akamaro k'uburezi muri rusange agira ati : uburezi ni inkingi ikomeye mu mibereho y'umuntu, no mw'iterambere ry'isi yose. Ni nacyo gituma ibihugu byateye imbere bigaragara ko byashyize ingufu n'imari mu uburezi bwo butanga abahanga bo mu ngeri zose zirimo abubatsi, abakora iby'aamashanyarazi, abahanga mu buhinzi



no kongera umusaruro. Niyo mpamvu hagomba kuba uburezi bwiza.

Uburezi bwongera impano umuntu avukana. Butuma umuntu yongera ubushobozi mu gusesengura ibintu, kwigiriraikizere mu byo ukora, kongera ubushake bwo gushobora, kwiha ikerekezo cy'ibyo agomba gukora. Uburezi bwiza kandi bushyira imbere indangagaciro.

Uburezi nyabwo butuma urerwa agirira igihugu akamaro. Leta y'u Rwanda ikora ibishoboka byose mu guteza imbere uburezi. Zimwe mu ngamba zafashwe n'iziteganyijwe kugira ngo umwana wese abashe kugera ku burezi bwiza harimo:

Gahunda y'uburezi bw'ibanze kubuntu ku bana bose na 9YBE,

Gahunda y'imyaka 12 y'Uburezi-nshuti y'abana (child friendly education) muri manda ya kabiri ya guverinoma y'u Rwanda (2017)

Gahunda yo kwongera ibikoresho by'amashuri (ibitabo, laboratwari, mudasobwa, n'ibindi)

Gahunda yo kongera ubushobozi n'umubare w'abarimu hagamijwe kugira abarimu beza bita ku bana biciye mu mashuri makuru yigisha kwigisha (KIE, Kavumu na Gahini College of Education)

Gahunda yo gutuma umwarimu akunda umwuga we harimo nk'Umwarimu SACCO, kuzamura imishahara, no kuborohereza uburyo bwo gutanga amasomo

Kongerera abarimu ubumenyi bw'umwana hagamijwe kubafasha gusobanukirwa amasomo bishingiye ku byiciro n'imyumvire y'abana

Gushimangira uburezi bushingiye ku ndanga gaciro no gutoza abana kwirinda ingeso mbi

Gutanga uburezi butuma umwana urangije amashuri abasha kwinjira kw'isoko ry'umurimo bimworoheye, cyangwa agashobora kwihangira imirimo (work market, entrepreneurship Kwigisha indimi z'amahanga hagamijwe gutegura urangije aashuri kubasha gukorera mu miryango migari y'ubukungu u Rwanda rwinyiyemo.

Kuvanaho imbogamizi z'uburezi, zaba izishingiye ku gitsina, ubumuga, ubukene n'ibindi bibazo byugarije mwana

Gahunda yo gutoza abana kugira isuku no kwirinda indwara z'ibyorezo

Gahunda yo gukangurira ababyeyi n'abandi bose kumenya impamvu umwana yaba atagiye mw'ishuri

Gushishikariza ababyeyi kwegera ibigega byunganira abifite ibibazo mu burezi (ikigega cy'uburezi cya MINALOC, FARG, n'ibindi)

Mu gusoza Minisitiri yasabye abyezi n'abarezi kwirinda invugo zatuma abana bacu bumva ko ntacyo bashoboye ahubwo bakabumvisha ko bashobora no kuba ibirangirire mu buhanga butandukanye.

Akomeza avuga ko Leta y'u Rwanda itazatezuka mu kongera ingufu mu burezi kubera ko aricyo kiza kiruta ibindi twakorera abana



### 3.2.1. Ibibazo by'abana ku kiganiro cya minisitiri w'uburezi n'ibisubizo

Ibibazo	Ibisubizo
<p>Mu rwego rwo kwigisha ikoranabuhanga ibikoresho ntibihagije ku bana kandi ntibiri hose cyane cyane mu mashuri yo mu byaro.</p> <p>Hateganyijwe iki kugirango gahunda ya mudasobwa kuri buri mwana igerweho ?</p>	<p>Mu rwego rwo gukemura icyo kibazo, Leta ifitie gahunda gukwirakwiza amashanyarazi hirya no hino. Perezida yasabye guverinoma gukemura icyo kibazo muri iyi myaka irindwi ku buryo mu mpera z 'iyi manda y'imyaka 7 80% by'amashuri azaba afite amashanyarazi.</p> <p>Birashoboka ko icyo gihe buri mwana atazaba afite mudasobwa yihariye, ariko umwana wese azaba ayifiteho ubumenyi bw'ibanze.</p> <p>Ubu gahunda yatangiriye ku mwaka wa gatanu n'uwa gatandatu n'ahatari amashanyarazi abana bakajyanwa ahabegereye.</p>
<p>Hakorwa iki ku babyeyi bo mu cyaro badashyira abana mu mashuri y'inshuke bagategereza imyaka irindwi?</p>	<p>Biterwa n'ubujiji no kuba amashuri ari kure.</p> <p>Hateganyijwe gukangurira ababyeyi gushyiraho amashuri y'inshuke no kujyana mu abana mbere y'uko bajya mu mashuri abanza.</p> <p>Ikindi ni ukwegereza abana amashuri mu gihe abantu bazaba batuye mu midugudu</p>
<p>Umwana ukoze ibizami bakamuha ikigo atasabye cyangwa bakamwohereza kure y'iwabo</p>	<p>Hari ubwo haba hasabye benshi kurusha imyanya ifite ibyo bashaka, noneho bagahera ku manota, nyuma bakakugenera aha kabiri wasabye.</p> <p>Bashobora kugushyira kure kuko aho wasabye kandi waboneye amanota ari kure, kuba hari ishuri ryiza riri kure kandi ufite amanita meze bakariguhitiramo, ariko iyo ubisabye baraguhindurira; cyangwa se kubera ko ufite amanota mabi abafite meza barahagiye</p>
<p>Mu Rwanda twiganta mfasa nyigisho n'ibyumba by'imyitozo n'imyimenyererezo (laboratories) bihagije?</p>	<p>Hari imyitozo ishobora gukorwa hatagombye laboratwari. Leta y'u Rwanda ifitanye Umushinga na Yapani wo kwigishwa uko bakoresha ibiri mu biboneka hafi yacu.</p> <p>Hari kandi n'uburyo bwo gusangira laboratwari hagati y'amashuri yegeranye no kongera izihari.</p>
<p>Leta ifite izihe ngamba ku bijyanye no kwiga kw'abana</p>	<p>Minisitiri yashimiye uburyo abana bakomeje gutekereza kuri bagenzi babo babana n'ubumuga, abasaba gukomeza kubakorera ubuvugizi, mu</p>

babana n’ubumuga, ntiwaterura umwana umunsi ku wundi	kumvikanisha ko ari abana nk’abandi ariko na Leta ikaba izakomeza gushaka uko yabafasha (MINEDUC, MINALOC na MIGEPROF); hifujwe kandi ko hamenyekana umubare nyawo w’abana babana n’ubumuga. Igihe ikibazo kitarakemurwa neza, abana basabwe kudacika integer.
Amashuri abanza (9YBE) ko ari ubuntu, abana bakaba bakomeje kwirukanirwa agahimbazamusyi ?	Iki ni ikibazo gikunze kugaruka. Nta mwana n’umwe ukwiriye kwirukanwa ko atatanze amafaranga y’agahimbazamusyi: Leta ihemba abarimu n’aho umushahara utari mwinshi, igatanga n’amafaranga kuri buri mwana binyujijwe ku mashuri. Hari ibindi bintu bikenewe ku ishuri, hakoreshwa inama n’ababyeyi baharereye ( <i>Parents Teachers Associations: PTA</i> ), bakaba bakwemeza amafaranga yatangwa n’umubyeyi. Ariko twifuzako PTA mu kugena ayo mafranga bagena n’ababyeyi batishoboye batakwishyuzwa. Aho bitagenze gutyo, hakirukanwa umwana utishoboye bikamenyekana, umwana azagaruka kw’ishuri Umuyobozi w’ikigo akirukanwa.

### **3.3. IBIGANIRO KU RUHARE RW’INZEGO ZINYURANYE MU GUTEZA IMBERE UBUREZI**

#### **3.3.1. Uruhare rw’Itorerero ry’igihugu**

Umuyobozi w’Itorerero ry’igihugu yasobanuye ko mbere y’umwaduko w’abazungu Itorerero ari ryo ryari irerero ry’igihugu, umwana wese agakurira mo, agatozwa indangagaciro na kirazira ari zo zagererenywa na Bibiliya cyangwa Ikorowani.

Yagize kandi ati: abakoroni nibo baje basenya Itorerero kugurango babone aho bahera mu kwigisha ibyabo no guhungabanya ubumwe bw’abanyarwanda. Ibyo nibyo byavuyemo ingaruka mbi kugeza kuri jenocide yakorewe abatutsi mu mwaka w’1994 igahita abarenze miliyoni. Itorerero rigamije gusana ubwo bumwe, kuva ku rwego rw’igihugu kugera ku Mudugudu, ndetse no mu mashuri.

#### **3.3.2. Uruhare rwa Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu**

Mu kiganiro cyatanzwe na Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu Madamu Kayitesi Sylvie Zainabu, yerekanye uruhare rwa Komisiyo ayobora mu kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry’uburenganzira bw’umwana hagamijwe kumugezaho uburere

n'uburezi bikwiye umwana w'umunyarwanda. Ni muri urwo rwego yagaragaje ko bashyizeho komite kuri buri murenge ikurikirana umunsi ku munsi iyubahirizwa ry' uburenganzira bw'umwana ikaba ifite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana ababyeyi bakoresha abana imirimo ibabuza kujya mu ishuri
- Gushishikariza ababyeyi guha abana ibikoresho by'ishuri
- Gukangurira ababyeyi gukurikirana imyigire y'abana babo.

### **3.3.3. Uruhare rwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Uwari uhagaraariye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu muri iyi nama, yerekanye ko imiyoborere myiza ituma habaho uburezi bwiza kandi nabwo bugatuma habaho imiyoborere myiza ivuye ku bayobozi beza. Yakomeje asobanura ko ubukangurambaga bukorwa aribwo buvamo umuganda wo kubaka amashuri, kandi ko ariho ababyeyi bakangurirwa kohereza abana mu mashuri. Yavuze ko inzego z'ibanze zifataniye n'abaturage aribo bagaragazaz abana batishoboye bagenerwa ubufasha bwo kwiga kandi ko izo nzego zishinzwe gukorera ubuvugizi abatishoboye kugirango bafashwe. Yashoje agaragaza ko ubushake n'amabwiriza birahari kugirango inzego z'ibanze zikore neza ibyo zishinzwe.

## **3.4. IBIGANIRO KU BUREZI BW'ABANA BAFITE IBIBAZO BYIHARIYE N'IMBOGAMIZE MU BUREZI BUBABEREYE.**

### **3.4.1. Ikiganiro cya Minisitiri w'Ubuzima**

Minisitiri w'Ubuzima yabwiye abana ko abana babana n'ubumuga ari aabana nk'abandi, kandi ko ubumuga bushobora kukumirwa kandi ko bugomba kuvurwa.

Yasobanuye ko impamvu nyinshi zitera ubumuga zituruka mu kutisuzumisha kw'ababyeyi. Imirire mibi nayo ishobora gutera ubumuga kuko igira ingaruka ku bwonko, asaba abana kuba abakangurambaga b'iwabo kandi ko minisiteri izakomeza kubafasha ibinyujije mu bajyanama b'ubuzima.

Yasobanuriye abana ko hateganyijwe ikingira ridasanze kuva 29 Ugushyingo kugezankuri 2 z'Ukuboza, asaba abana kuzabigeza kuzabikanguriramo abandi

Yasobanuye ko hateganyijwe gahunda yo gusuzuma no gukingira abana b'abakobwa indwara zhariye nka cancer.

Yasabye ko abana babana n'ubumuga bakweera kwa muganga kuko hari ibyo kwa muganga bashobora kubafasha.

### 3.4.2. Ikiganiro cy'uhagarariye Polisi y'Igihugu

Uhagarariye Polisi y'Igihugu yagaragaje ihohoterwa rikorerwa abana nko gukuramo inda n'abana bo mu muryango ; kubashyingira uwo badashaka kugira ngo batabyarira iwabo ; kubura ibyangombwa by'ibanze nk'ibiribwa, imyambaro, aho kuba, n'ibindi'

Yagaragaje ibirego Polisi yakiriye harimo ibirego 1345 byerekeye gusambanya abana, 70% muri bo bafite hagati y'imyaka 14 na 18 ; 178 bijyanye no gukuramo inda ; 28 ari ibyo kwihekura ; 17 ari ibihano ndengakamere bihabwa abana.

Yasobanuriye abana ko hashyizweho ishami ryihariye rikurikirana ibibazo by'abana



hagashirwaho imirongo itishyurwa ya telefoni, na one-stop center Isange yakira mu buryo bw'ihariye abana n'abagore bahohotewe. Yababwiye kandi ko Polisi ifanya n'izindi nzego zifite abana mu snhingano Yangije agira abana n'inama ko bagomba kwiga neza, kwirinda ababashukisha ibintu, kuganira n'ababyeyi kuko babakunda

kurusha abandi bese, kubwira ababyeyi ibyababayeho no kubagisha inama.

### 3.4.3. Ikiganiro cy'uhagarariye Minisiteri y'abakozi ba Leta n'Umurimo

Uhagarariye Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo yatangiye asobanura umwana uwo ariwe n'imirimo mibi ikoreshwa abana atanga n'ingeri.

Yasobanuye ariko ko umwana wese agomba gukundishwa umurimo bijyanye n'ikigere agezemo

Yavuze no kubitera imirimo mibi kubana harimo ubukene, ubujiji bw'ababyeyi, ingaruka za jenocide n'icyorezo cya SIDA ku bana b'imfubyi

Yagaragaje uko ikoreshwa ry'imirimo mibi ku bana rihagaze mu Rwanda muri iki gihe : 79% imirimo mibi mu buhinzi ; 11% imirimo yo mu rugo ; 4% mu birombe no mu nganda ; 4% ibindi

#### **3.4.4. Ikiganiro cya Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango**

Kubireba Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, havuzwe imbogamizi mu gutoranya abana bugarijwe n'ibibazo bakeneye kwitabwaho kurusha abandi ; kuba ibigo by'abana babana n'ubumuga kuba nta baterankunga bahagije bafite ; kuba ingengo y'imari ifasha ibigo by'abo bana idahagije ; yavuze ko hazakomeza kubaho ubuvugizi kugira ngo inyubako zizajye zorehereza abana babana n'ubumuga.

#### **3.4.5. Ikiganiro cya Minisiteri y'Uburezi**

Uhagarariye Minisiteri y'Uburezi yagaragaje bimwe mu byagezweho mu rwego rwo kwita ku burezi bw'abana babana n'ubumuga, harimo inyubako n'ubwo ari nkeya ; ko mu mashuri yisumbuye abana 341 babana n'ubumuga bigana n'abandi, abandi 46 bakaba biga mu mashuri makuru kandi bakaba bigira ubuntu.

Yavuze ko MINEDUC ishakisha uburyo bakongera umubare bw'abarimu bashobora kwigisha abana babana n'ubumuga ikanabongerera n'ubushobozi

Yasabye ko abana bazajya bareba bagenzi babo batiga bakajya kubakorera ubuvugizi mu buyobozi. Mu mbogamizi yavuze ko abaterankunga ari bake muri iki gikorwa ariko ko Leta y'u Rwanda ifite ubushake bwo gukora ibishoboka byose.

#### **3.4.6. Ibibazo byabijijwe n'ibitekerezo by'abana k'uburezi bw'abana babana n'ubumuga**

Nyuma y'ibi biganirwa binyuranye, abana bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo, ibyifuzo no kugaragaza ibibazo.

Muri rusange ibibazo n'ibyifuzo byatanze byibanze kuri ibi bikurikira:

- ✓ Ifunguro ridahagije mu bigo bimwe by'amashuli yisumbuye cyane mu mashuli y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda (9YBE),
- ✓ Ibigo by'imyuga bikiri bike ugereranyije n'umubare w'abana babikeneye batabashije kujya mu mashuli yisumbuye,
- ✓ Gusubiza abana bo mu muhanda mu miryango yabo cyangwa mu miryango ibakira,
- ✓ Bamwe mu bayobozi batitabira ku gihe inama z'abana zibera ku nzego zitandukanye mu mahuriro y'abana,
- ✓ Ahakiri inyubako za kera zitorohereza abana babana n'ubumuga,
- ✓ Uburyo bugoranye bwo kujya no kuva ku mashuri mu bice by'icyaro bikaba byabaviramo guhohoterwa,
- ✓ Kuba Leta itagira uruhare mu guhamba abarimu bigisha mu Bigo Mbonezamikurire y'abana bato (ECDC),
- ✓ Abana bo mu duce tumwe tw'icyaro bagikoreshwa imirimo ibabuza kujya kwiga kandi rimwe na rimwe irenze ikigero barimo
- ✓ Ibihembo ku mahuriro y'abana yabaye indashyikirwa
- ✓ Hamwe na hamwe aho usanga agahimbaza musyi gatandukanye ku barimu
- ✓ Ibibuga by'imyidagaduro bidahagajije hamwe na hamwe
- ✓ Ubumenyi buke bw'abarimu mu rurimi rw'icyongereza
- ✓ Hagawe imyitwarire mibi y'abana bagenzi babo bo mu Karere ka Ngoma bagaragaje imyitwarire mibi bakangiza ibikoresho by'ishuri.
- ✓ Ingamba ku bana biga mu mashuri atandukanye banywa ibiyobyabwenge.
- ✓ Kwigisha imyuga yihariye abana babana n'ubumuga
- ✓ Guhuza gahunda z'imyigishirize mu bihugu bigize umuryango wa EAC

#### **4. UKO INAMA YA GATANDATU Y'ABANA YASHOJWE**

##### **4.1. Imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana**

Imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatandatu y'Abana yakusanyijwe n'abana hakurikijwe ibiganiro byatanzwe, ibibazo n'ibyifuzo abana bagejeje ku bitabiriye inama kimwe n'ibiganiro bitandukanye byatanzwe n'abayobozi b'inzego za Leta. Iyi myanzuro igaragaza ingamba abana,

ababyeyi, abarezi, Abafatanyabikorwa mu burezi, Leta y'u Rwanda n'ibindi bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba bakwiye gushyira mu bikorwa mu rwego kubahiriza ihame ry'uburezi bubereye abana

No	Imyanzuro	Abo ireba
1	Buri wese agire uruhare mu kubaka ibyumba by'amashuri byagenewe amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9	Abayeyi, abayobozi, abarimu n'abaturage
2	Gushyira imbarara mu burezi bw'abana b'incuke kuko ari wo musingi w'uburezi	Abafatanyabikorwa ,Leta n'ababyeyi
3	Gutoranya abana bafashwa mu burezi nta marangamutima	Abaturage, inzego z'ubuyobozi n'abana bahagarariye abandi
4	Gusaba ababyeyi gufatanya n'abarimu mu burezi bubereye abana	Ababyeyi n'abarimu
5	Kugena ibiganiro bihuza abarezi kugirango baganire ku bibazo bahura nabyo	MINEDUC n'ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri
6	Gufasha abana baturutse mu gihugu cya Burundi kumvikanisha icyifuzo cyabo cy'uko kwiga amashuri yisumbuye byaba ubuntu ndetse na za laboratories zigashyirwa mu bigo by'amashuri yisumbuye.	MINEAC
7	Ibihugu byose byo muri Afurika y'Iburasirazuba birasabwa gushyira imbaraga mu burezi( amashuri ahagije, ibikoresho, abarimu ) cyane cyane uburezi bw'abana b'abakobwa, abo mu cyaro no korohereza abana ingendo zo kujya no kuva ku ishuri	MINEAC
8	Guha buri munyarwanda nta vangura cyane cyane rishingiye ku bumuga, uburezi bufite ireme kandi buteza imbere indangagacironyarwanda	Itorero ry'igihugu, MINEDUC, MINALOC
9	Gushyiraho amashuri atanga ubumenyi bujyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo(entrepreneurship, vocational and professional training schools, English learning,... )	MINEDUC, ababyeyi n'abafatanyabikorwa mu burezi.
10	Gukangurira buri muntu kumva ko agomba gukurikirana impamvu umwana w'aho atuye atajya mu ishuri	Abaturage bose, inzego z'ubuyobozi, abanyamadini, Polisi n'abana
11	Kwirinda imvugo yose yatuma umwana yumva ko nta gaciro afite cyane cyane kubafite ibibazo byihariye n'abana n'ubumuga	Ababyeyi, abarimu n'abana
12	Kongera isuku ku mashuri	Ababyeyi, abarimu, MINEDUC, MINISANTE, abana, abaturage bose n'inzego z'ubuyobozi.
13	Guha agaciro inama z'abana, kuzitabira ku gihe no	Abayobozi b'inzego

	kuzishyigikira	z'ibanze.
14	Gushyiraho ihuriro ry'abana bagiye bitabira inama nkuru z'abana	Itorero ry'igihugu na MIGEPROF
15	Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana no gufasha abana bagize ibyo byago kumenya uko bakwitwara	Polisi, abarezi, abashinzwe imibereho myiza y'abaturage
16	Gushyiraho inyubako z'amashuri zorohera abana babana n'ubumuga	MININFRA, MINEDUC, ababyeyi n'abafatanyabikorwa mu burezi
17	Kongerera ubumenyi abarimu mu rurimi rw'icyongereza	MINEDUC
18	kwigisha abana kutishora mu ngeso mbi nko kunywa ibiyobyabwenge no gusambana	Abana bahagarariye abandi, inzego z'ubuyobozi n'ababyeyi
19	Gushyira mu nteganya nyigisho isomo ku ruhare rw'umwana mu burezi bumubereye	MINEDUC
20	Kuganira n'ababyeyi, kubagisha inama nk'inshuti zabo za mbere ku bibazo bahura nabyo no kubabashukisha ibintu	Abana, ababyeyi n'abarezi
21	Gutumira mu nama nkuru y'abana itaha, abana babana n'ubumuga bahagarariye bagenzi babo muri buri karere	MIGEPROF na MINALOC
22	Gukangurira abana babana n'ubumuga kujya kwa muganga	Abana, ababyeyi, abajyanama b'ubuzima.
23	Kongerera ingufu mu ishyingirwamubikorwa ry'imyanzuro y'Inama Nkuru ya gatanu y'abana ndetse n'imyanzuro ivuye muri iyi nama ya gatandatu.	Leta, ababyeyi, abana n'abafatanyabikorwa

#### 4.2. Umuhango wo gusoza

